INAMA YA PRESBYTERIUM YA DIYOSEZI YA NYUNDO

Kuri uyu wa 11/01/2017 kugeza ku wa 12/01/2017, habaye inama ya Presbyterum ya Diyosezi ya Nyundo, yayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo. Inama yagarutse ku myanzuro y'inama y'ubushize ireba ibyaba byaragezweho cyangwa ibitaragezweho.

Ukuriye Komisiyo y'umuryango yavuze ko hariho gahunda yo kwegera imiryango mu rwego rwo kumenya ingorane imiryango ihura nazo no gushaka icyayifasha. Iyo Komisiyo ikaba igiye gukora ibishoboka byose kugira ngo komisiyo y'umuryango muri za paruwasi ibashe kurangiza inshingano zayo.

Muri iyo nama abakuriye za services Généraux batangarije abandi ibyagezweho mu mwaka wa 2016, imbogamizi bahuye nazo n'ingamba bafite muri uyu mwaka wa 2017.

Mu myanzuro yagezweho harimo ko komite z'abalayiki muri paruwasi zakomeza guhabwa umwanya mu miyoborere n'imicungire ya paruwasi; kandi zikabamo abakristu babifitiye ubushobozi. Ababapadiri barushaho kujya bakora inama z'urugo bagashakira hamwe icyateza paruwasi imbere bafatanije na komite z'abalayiki. Kugira ngo imicungire ya za paruwasi ibe imwe hazashyirwaho Manuel de procedure. Buri paruwasi igomba kugira umucungamari wabyigiye kandi agahabwa ibikoresho bimufasha kurangiza uwo murimo.

Mu gusoza iyo nama, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yagejeje ku basaseridoti gahunda y'umwaka wa 2017, nyuma akikijwe n'abasaseridoti batura Igitambo cy'Ukaristiya.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA